**Umwaka wa 61**
**Igazeti ya Leta n° 44 Bis yo ku wa 31/10/2022**

**Year 61**
**Official Gazette n° 44 Bis of 31/10/2022**

**61ème Année**
**Journal Officiel n° 44 Bis du 31/10/2022**

## *Ibirimo/Summary/Sommaire* *page/urup.*

***Amabwiriza***

**Nº 02/2022 yo ku wa 07/10/2022**
Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yerekeye amatora y'Abadepite b'u Rwanda mu Nteko Ishinga Amategeko y'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba.........................................................................................2

**REPUBURIKA Y'U RWANDA**
**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

# AMABWIRIZA N° 02/2022 YO KU WA 07/10/2022 YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA YEREKEYE AMATORA Y'ABADEPITE B'U RWANDA MU NTEKO ISHINGA AMATEGEKO Y'UMURYANGO WA AFURIKA Y'IBURASIRAZUBA

**Ukwakira, 2022**

**AMABWIRIZA Nº 02/2022 YO KU WA 07/10/2022 YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA YEREKEYE AMATORA Y'ABADEPITE B'U RWANDA MU NTEKO ISHINGA AMATEGEKO Y'UMURYANGO WA AFURIKA Y'IBURASIRAZUBA**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije**

**Ingingo ya 2: Ibyangombwa biherekeza kandidatire**

**UMUTWE WA II: ITORA RY'ABAKANDIDA BATANGWA N'INAMA Z'IGIHUGU**

**Icyiciro cya mbere: Inteko itora**

**Ingingo ya 3: Abagize inteko itora abakandida batangwa n'Inama z'Igihugu**

**Ingingo ya 4: Itegurwa ry'ilisiti y'inteko itora**

**Icyiciro cya 2:Itangwa rya kandidatire**

**Ingingo ya 5: Abemerewe gutanga kandidatire**

**Ingingo ya 6: Igihe n'uburyo bwo gutanga kandidatire ku mwanya w'abazatorwamo abakandida**

**Ingingo ya 7: Kugeza kuri Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ilisiti y'abazatorwamo abakandida**

**Ingingo ya 8: Gusuzuma no kwemeza kandidatire**

**Icyiciro cya 3: Kwiyamamaza**

**Ingingo ya 9: Igihe cyo kwiyamamaza**

**Ingingo ya 10: Uburyo bwo kwiyamamaza**

**Ingingo ya 11: Ibibujijwe mu kwiyamamaza**

**Icyiciro cya 4: Imigendekere y'amatora**

**Ingingo ya 12: Ibyangombwa uje gutora yitwaza**

**Ingingo ya 13: Aho amatora abera**

**Ingingo ya 14: Abayobora itora**

**Ingingo ya 15: Inyandiko mvugo itangiza n'isoza itora**

**Ingingo ya 16: Igihe cyo gutangira cyangwa gusubika itora**

**Ingingo ya 17: Imikoreshereze y'agasanduku k'itora**

**Ingingo ya 18: Uko abakandida batorwa**

**Ingingo ya 19: Uburyo abafite ubumuga bafashwa gutora**

**Icyiciro cya 5: Ibarura ry'amajwi**

**Ingingo ya 20: Ibarura ry'amajwi ku biro by'itora**

**Ingingo ya 21: Abatsinze amatora**

**Ingingo ya 22: Impaka zivuye mu matora**

**UMUTWE WA III: IYOHEREZWA RYA DOSIYE Z'ABAKANDIDA**

**Ingingo ya 23: Igihe cyo kugeza dosiye z'abakandida kuri Komisiyo y'Igihugu y'Amatora**

**Ingingo ya 24: Gusuzuma no kwemeza dosiye z'abakandida zashyikirijwe Komisiyo y'Igihugu y'Amatora**

**UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 25: Ivanwaho ry'amabwiriza n'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza**

**Ingingo ya 26: Igihe aya mabwiriza atangirira gukurikizwa**

**AMABWIRIZA Nº 02/2022 YO KU WA 07/10/2022 YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA YEREKEYE AMATORA Y'ABADEPITE B'U RWANDA MU NTEKO ISHINGA AMATEGEKO Y'UMURYANGO WA AFURIKA Y'IBURASIRAZUBA**

**INAMA Y'ABAKOMISERI;**

Ishingiye ku Itegeko Ngenga nº 001/2022.OL ryo ku wa 26/08/2022 rigenga itora ry'Abadepite b'u Rwanda mu Nteko Ishinga Amategeko y'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba (EALA) cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 8 n'iya 10;

Ishingiye ku Itegeko nº 001/2016 ryo ku wa 05/02/2016 rigena inshingano, imitunganyirize n'imikorere by'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko;

Ishingiye ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 01/03 ryo ku wa 11/02/2011 rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Inama y'Igihugu y'Abagore;

Ishingiye ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe nº 02/03 ryo ku wa 11/02/2011 rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga nk'uko ryahinduwe kugeza ubu;

Isubiye ku Mabwiriza nº 02/2017 yo ku wa 04/04/2017 ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora agenga itora ry'abakandida depite b'u Rwanda muri EALA;

Inama y'Abakomiseri yateranye ku wa 07/10/2022, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ITANZE AMABWIRIZA AKURIKIRA:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije**

Aya mabwiriza agena –

1º imigendekere y'itora ry'abakandida b'Abadepite b'u Rwanda mu Nteko Ishinga Amategeko y'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba (EALA) batorwa mu Nama y'Igihugu y'Abagore, Inama y'Igihugu y'Urubyiruko n'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga;

2º n'uburyo kandidatire zitangwa, n'igihe cyo gutanga ilisiti n'imyirondoro y'abakandida bahagarariye umutwe wa politiki, imitwe ya politiki yishyize hamwe n'ilisiti n'imyirondoro y'abatorwamo abakandida bahagarariye Inama y'Igihugu y'Urubyiruko, Inama y'Igihugu y'Abagore n'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga.

**Ingingo ya 2: Ibyangombwa biherekeza kandidatire**

Buri kandidatire iherekezwa n'ibi bikurikira:

1º amazina yose ya buri mukandida ahuye n'ari mu ikarita ndangamuntu ye;

2º umwirondoro ugaragaza itariki y'amavuko, aho yavukiye, umwuga we n'aho atuye;

3º icyemezo cy'amavuko kitarengeje amezi atatu (3) gitangwa n'urwego rubifitiye ububasha;

4º fotokopi y'ikarita ndangamuntu ye;

5º icyemezo cy'ubutabera kitarengeje amezi atandatu (6) gitanzwe n'urwego rubifitiye ububasha, kigaragaza ko umuntu atigeze akatirwa cyangwa yakatiwe n'urukiko igihano cy'igifungo;

6º kopi y'impamyabumenyi iyo ayifite iriho umukono wa Noteri;

7º icyemezo gitanzwe na muganga ubifitiye ububasha cyemeza ubumuga bwe, ku bakandida baturuka mu Nama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga.

## UMUTWE WA II: ITORA RY'ABAKANDIDA BATANGWA N'INAMA Z'IGIHUGU

### Icyiciro cya mbere: Inteko itora

#### Ingingo ya 3: Abagize inteko itora abakandida batangwa n'Inama z'Igihugu

Abakandida batangwa n'Inama y'Igihugu y'Abagore, Inama y'Igihugu y'Urubyiruko n'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga batorwa n'Inama Rusange ya buri Nama y'Igihugu ku rwego rw'Igihugu.

#### Ingingo ya 4: Itegurwa ry'ilisiti y'inteko itora

Inama y'Igihugu y'Abagore, Inama y'Igihugu y'Urubyiruko n'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga ni zo zitegura ilisiti z'abagize Inteko zitora abakandida batangwa n'ibyo byiciro, zikazishyikiriza Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mu gihe kitari munsi y'iminsi itanu (5) mbere y'umunsi w'itora.

Nta wemerewe gutora atari ku ilisiti y'abagize inteko itora.

### Icyiciro cya 2:Itangwa rya kandidatire

#### Ingingo ya 5: Abemerewe gutanga kandidatire

Abagore bose, urubyiruko n'abantu bose bafite ubumuga, bujuje ibisabwa, bemerewe gutanga kandidatire ku mwanya w'abazatorwamo abakandida b'Abadepite b'u Rwanda muri EALA batangwa na buri Nama y'Igihugu. Nta wemerewe gutanga kandatire ye icyarimwe mu Nama y'Igihugu irenze imwe.

Ubunyamabanga bwa buri Nama y'Igihugu ni bwo bwakira kandidatire z'abakandida bavugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

**Ingingo ya 6: Igihe n'uburyo bwo gutanga kandidatire ku mwanya w'abazatorwamo abakandida**

Gutanga kandidatire bitangira tariki ya 07/11/2022 bikarangira tariki ya 11/11/2022. Kandidatire zitangwa mu mpapuro cyangwa hakoreshejwe ikoranabuhanga. Iyo zitanzwe mu mpapuro zakirwa mu minsi y'akazi kuva saa moya za mugitondo (07:00 am), kugeza saa kumi n'imwe za ni mugoroba (05:00 pm). Utanze kandidatire ahabwa icyemezo cy'iyakirwa rya kandidatire ye.

**Ingingo ya 7: Kugeza kuri Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ilisiti y'abazatorwamo abakandida**

Iyo Inama y'Igihugu imaze kwakira kandidatire z'abazatorwamo abakandida, ishyikiriza Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ilisiti n'imyirondoro yabo mu mpapuro cyangwa hakoreshejwe ikoranabuhanga, bitarenze iminsi ibiri (2) y'akazi, ibarwa uhereye igihe kwakira kandidatire byarangiriye.

Urwego ruhagarariye Inama y'Igihugu y'Abagore, Inama y'Igihugu y'Urubyiruko n'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga mu buryo bw'amategeko ni rwo rushyikiriza Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ilisiti n'imyirondoro ya kandidatire rwakiriye.

**Ingingo ya 8: Gusuzuma no kwemeza kandidatire**

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora isuzuma ikanemeza kandidatire mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) uhereye igihe yazakiriyeho.

Umukandida utujuje ibisabwa muri dosiye ye ahabwa igihe kitarenze iminsi ibiri (2) kugira ngo abyuzuze. Kandidatire zemejwe n'izitemejwe zitangazwa ku rubuga rwa murandasi rwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

**Icyiciro cya 3: Kwiyamamaza**

**Ingingo ya 9: Igihe cyo kwiyamamaza**

Igikorwa cyo kwiyamamaza kw'abakandida batorwamo abakandida batangwa n'Inama y'Igihugu y'Abagore gikorwa ku rwego rw'Igihugu ku munsi w'itora imbere y'abagize inteko itora.

Igikorwa cyo kwiyamamaza kw'abakandida batorwamo abakandida batangwa n'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko n'abatangwa n'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga kiba mbere y'umunsi w'itora kikabera kuri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali. Komisiyo y'Igihugu y'Amatora igena iminsi n'aho icyo gikorwa kibera.

**Ingingo ya 10: Uburyo bwo kwiyamamaza**

Umukandida yiyamamaza ageza ku nteko itora umwirondoro we na gahunda ye y'ibikorwa. Buri mukandida ahabwa iminota itarenga itanu (5) yo kwiyamamaza.

Abakandida bashobora kwiyamamaza hakoreshejwe ikoranabuhanga n'itangazamakuru. Ibikorwa byo kwiyamamaza muri ubu buryo bitangira nyuma y'uko Komisiyo y'Igihugu

y'Amatora itangaje kandidatire zemejwe ikanamenyekanisha gahunda n'uburyo bwo kwiyamamaza. Kwiyamamaza muri ubu buryo birangira ku munsi w'itora.

**Ingingo ya 11: Ibibujijwe mu kwiyamamaza**

Ibikorwa bikurikira birabujijwe mu gihe cyo kwiyamamaza:

1° kwiyamamaza mu izina ry'umutwe wa politiki;

2° gutuka cyangwa gusebya mu buryo ubwo ari bwo bwose undi mukandida;

3° gukoresha ruswa;

4° gushingira ku ivangura iryo ari ryo ryose cyangwa amacakubiri;

5° kwiyamamaza mu gihe cyangwa mu buryo binyuranyije n'aya mabwiriza.

**Icyiciro cya 4: Imigendekere y'amatora**

**Ingingo ya 12: Ibyangombwa uje gutora yitwaza**

Buri muntu wanditse ku ilisiti y'itora yemererwa gutora ari uko yerekanye ikarita ndangamuntu ye. Iyo atayifite, Umuhuzabikorwa w'amatora amwemerera gutora hamaze gukorwa igenzura rigamije kumenya niba uje gutora abifitiye uburenganzira.

**Ingingo ya 13: Aho amatora abera**

Amatora y'abakandida batangwa n'Inama y'Igihugu y'Abagore abera ku rwego rw'Igihugu.

Amatora y'abakandida batangwa n'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko abera kuri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali.

Amatora y'abakandida batangwa n'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga abera ku rwego rw'Akarere, ahagenwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Mu cyiciro cy'urubyiruko n'abantu bafite ubumuga, ku biro by'itora, hatorera abanditse ku rutonde rw'inteko itora yaho. Icyakora, ugize impamvu zumvikana zituma adatorera aho yanditse, yemererwa gutorera aho atanditse, nyuma y'uko agaragarije umuhuzabikorwa w'amatora ko ari mu bagize inteko itora yagejejwe kuri Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

**Ingingo ya 14: Abayobora itora**

Kuri buri biro by'itora, itora riyoborwa n'Umuhuzabikorwa w'amatora afashijwe n'umuseseri umwe (1).

Mbere y'uko imirimo y'amatora itangira, umuhuzabikorwa w'amatora n'umuseseri barahirira imbere y'inteko itora indahiro iri ku mugereka wa I w'aya mabwiriza.

**<u>Ingingo ya 15</u>: Inyandiko mvugo itangiza n'isoza itora**

Nyuma yo kurahira no gusobanurira abagize inteko itora imigendekere y'amatora, umuhuzabikorwa w'ibiro by'itora yuzuza inyandiko mvugo itangiza itora iri ku mugereka wa II w'aya Mabwiriza. Umuhuzabikorwa w'ibiro by'itora yuzuza kandi inyandiko mvugo isoza itora, itora rikirangira. Imiterere y'inyandiko mvugo isoza itora iri ku mugereka wa III w'aya Mabwiriza.

**<u>Ingingo ya 16</u>: Igihe cyo gutangira cyangwa gusubika itora**

Itora ry'abakandida batangwa n'Inama y'Igihugu y'Abagore, Inama y'Igihugu y'Urubyiruko n'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga, ritangira saa yine za mugitondo (10:00 am). Itora ritangira ari uko hari nibura kimwe cya kabiri (1/2) cy'abagize inteko itora ku rwego rw'Igihugu.

Iyo Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora cyangwa uwo yabihereye ububasha amaze gukusanya imibare y'abitabiriye itora mu Turere twose, Intara n'Umujyi wa Kigali abonye ko kimwe cya kabiri (½) cy'abagize inteko itora ku rwego rw'Igihugu cyabonetse asaba ko abayobora itora mu biro by'itora byose batangira amatora.

Iyo saa sita z'amanywa (12:00 pm) zigeze kimwe cya kabiri (1/2) cy'abagize inteko itora ku rwego rw'Igihugu kitaraboneka, amatora arasubikwa, agasubukurwa mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7). Iyo kimwe cya kabiri (1/2) cy'abagize inteko itora kitabonetse ku nshuro ya kabiri (2), itora rikorwa n'ababonetse, uko baba bangana kose.

Iyo itora risubitswe, Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora cyangwa uwo yabihereye ububasha abikorera inyandiko mvugo iri ku mugereka wa IV w'aya Mabwiriza.

**<u>Ingingo ya 17</u>: Imikoreshereze y'agasanduku k'itora**

Mbere y'uko itora nyirizina ritangira, umuhuzabikorwa w'amatora ku biro by'itora, amaze kwereka abahari ko agasanduku k'itora karimo ubusa, aragafunga akoresheje imigozi yabugenewe, agasiga umwenge umwe wo gucishamo impapuro z'itora. Umuhuzabikorwa w'amatora yongera gufungura agasanduku k'itora ibarura ry'amajwi ritangiye. Nyuma yo kubarura amajwi, agasanduku k'itora kongera gufungwa karimo impapuro zatoreweho n'izitatoreweho.

**<u>Ingingo ya 18</u>: Uko abakandida batorwa**

Utora yandika amazina yuzuye y'abakandida batarenze batatu (3) ku rupapuro rwabugenewe rutangwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora. Iyo utora yanditse abakandida barenze batatu (3), urupapuro rufatwa nk'impfabusa.

Iyo utora yangije urupapuro rw'itora atararangiza gutora, asaba kandi agahabwa urundi rupapuro.

**<u>Ingingo ya 19</u>: Uburyo abafite ubumuga bafashwa gutora**

Abafite ubumuga bwo kutabona n'abandi bafite ubumuga butuma badashobora gutora ubwabo, bemerewe kwihitiramo umuntu ubibafashamo ufite nibura imyaka cumi n'ine (14) y'amavuko,

ariko utarageza ku myaka cumi n'umunani (18) y'amavuko.

**<u>Icyiciro cya 5</u>: Ibarura ry'amajwi**

**<u>Ingingo ya 20</u>: Ibarura ry'amajwi ku biro by'itora**

Ibarura ry'amajwi rikorwa n'abayoboye itora ako kanya itora rikirangira, imbere y'abagize inteko itora. Mu ibarura ry'amajwi, buri mukandida yemerewe kugira umuhagararira muri icyo gikorwa. Uwayoboye amatora amenyesha abantu bahari ibyavuye mu matora.

Nyuma y'ibarura ry'amajwi, umuhuzabikorwa w'amatora akora inyandiko mvugo y'ibyavuye mu matora. Imiterere y'iyo nyandiko mvugo iri ku mugereka wa V w'aya Mabwiriza.

Mu itora ry'abakandida batorwa n'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga n'iy'abatorwa n'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko, umuhuzabikorwa w'amatora yohereza Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ibyavuye mu biro by'itora muri buri Karere, buri Ntara n'Umujyi wa Kigali, bitarenze amasaha abiri (2) itora rirangiye.

Nyuma yo guhuza amajwi ku rwego rw'Igihugu, Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yuzuza inyandiko mvugo ihurizwaho ibyavuye mu itora ku rwego rw'Igihugu. Imiterere y'iyo nyandiko iri ku mugereka wa VI w'aya Mabwiriza.

**<u>Ingingo ya 21</u>: Abatsinze amatora**

Abakandida batatu (3) ba mbere barushije abandi amajwi ni bo baba batowe. Iyo hari abakandida banganyije amajwi ku buryo abakandinda batatu (3) barenga, hakoreshwa tombola hagati y'abanganyije amajwi. Abatombola bahurira aho ihuzwa ry'amajwi ryabereye ku rwego rw'Igihugu. Tombola ikorwa ku munsi ukurikira uwo itora ryabereyeho ku masaha agenwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora. Umukandida utashoboye kuhagera yemerewe kumenyekanisha umuntu yizeye umuhagararira muri icyo gikorwa.

Muri tombola, Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora cyangwa uwo yabihereye ububasha yandika ijambo "YEGO" ku mpapuro ziriho kashe ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora zingana n'umubare w'abakandida babura kugira ngo batatu (3) buzure, izisigaye akandikaho "OYA". Iyo amaze kuzizinga neza azishyira ahagaragara, buri wese mu banganyije amajwi ahitamo urupapuro rumwe. Utoye urupapuro rwanditseho "YEGO" aba atsinze itora.

Iyo abakandida batatu (3) ba mbere batowe batarimo nibura umwe (1) w'umugore, umwanya wa gatatu uharirwa umugore warushije abandi bagore amajwi.

**<u>Ingingo ya 22</u>: Impaka zivuye mu matora**

Ikibazo cyose kivutse ku bikorwa by'itora gishyikirizwa umuyobozi w'itora ako kanya, akagikemura mu ruhame imbere y'inteko itora, kandi bigashyirwa mu nyandiko mvugo. Iyo atabashije kugikemura, agisha inama umukuriye mu rwego rw'amatora.

Umukandida utishimiye ibyavuye mu itora ashobora kuregera urukiko rubifitiye ububasha mu gihe kitarenze amasaha mirongo ine n'umunani (48) abarwa uhereye ku isaha ibyavuye mu itora byatangarijweho.

**UMUTWE WA III: IYOHEREZWA RYA DOSIYE Z'ABAKANDIDA BATANGWA N'IMITWE YA POLITIKI**

**Ingingo ya 23: Igihe cyo kugeza dosiye z'abakandida kuri Komisiyo y'Igihugu y'Amatora**

Umutwe wa Politiki cyangwa Imitwe ya Politiki yishyize hamwe ishyikiriza Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, bitarenze tariki ya 02/12/2022, ilisiti n'imyirondoro by'abakandida yatanze, iherekejwe n'inyandiko mvugo y'Inama yemeje iyo lisiti, iriho amazina n'umukono by'uhagarariye urwego rukuru rw'umutwe wa politiki cyangwa abahagarariye inzego nkuru z'imitwe ya politiki yishyize hamwe.

**Ingingo ya 24: Gusuzuma no kwemeza dosiye z'abakandida zashyikirijwe Komisiyo y'Igihugu y'Amatora**

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yakira, igasuzuma kandi ikemeza abakandida bavugwa mu ngingo ya 23.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora isubiza urwego rukuru rw'umutwe wa politiki cyangwa inzego nkuru z'imitwe ya politiki yishyize hamwe bireba dosiye itujuje ibisabwa mu gihe kitarenze iminsi ibiri (2) ibarwa kuva yakiriye iyo dosiye. Komisiyo y'Igihugu y'Amatora imenyesha urwego rukuru rw'umutwe wa politiki cyangwa inzego nkuru z'imitwe ya politiki yishyize hamwe bireba ibibura muri dosiye kugira ngo byuzuzwe cyangwa umukandida bireba asimburwe.

Urwego rw'umutwe wa politiki Komisiyo y'Igihugu y'Amatora isubije kandidatire itemejwe, ruyuzuza cyangwa rukayisimbuza indi mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) nyuma yo kuyisubizwa.

**UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 25: Ivanwaho ry'amabwiriza n'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza**

Amabwiriza n° 02/2017 yo ku wa 04/04/2017 ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora agenga itora ry'abakandida depite b'u Rwanda muri EALA n'izindi ngingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranyije na yo, bivanyweho.

**Ingingo ya 26: Igihe aya mabwiriza atangirira gukurikizwa**

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

| |
|---|
| Kigali, ku wa 07/10/2022<br><br>**(Sé)**<br><br>**MUTIMUKEYE Nicole**<br>Visi Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br><br>**(Sé)**<br><br>**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta |

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

**UMUGEREKA WA I W'AMABWIRIZA Nº 02/2022 YO KU WA 07/10/2022 YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA YEREKEYE AMATORA Y'ABADEPITE B'U RWANDA MU NTEKO ISHINGA AMATEGEKO Y'UMURYANGO WA AFURIKA Y'IBURASIRAZUBA**

**INDAHIRO Y'ABAYOBORA IMIRIMO Y'AMATORA**

Njyewe: ...............................................................................

*"Ndahiriye u Rwanda ku mugaragaro:*
*1) ko ntazahemukira Repubulika y'u Rwanda;*
*2) ko nzubahiriza Itegeko Nshinga n'andi mategeko;*
*3) ko nzaharanira uburenganzira bw'ibanze bwa muntu n'ibyagirira Abanyarwanda bose akamaro;*
*4) ko nzaharanira ubumwe bw'Abanyarwanda;*
*5) ko nzakorana umurava imirimo nshinzwe;*
*6) ko ntazakoresha ububasha mpawe mu nyungu zanjye bwite.*
*Nintatira iyi ndahiro, nzabihanirwe n'amategeko.*
*Imana ibimfashemo".*

**a. UMUSESERI**

Amazina n'umukono by'umuseseri umaze kurahira ....................................................................
…………………………………………………

Amazina n'umukono by'Umuhuzabikorwa w'Itora .......................................................................

**b. UMUHUZABIKORWA**

Amazina n'umukono by'Umuhuzabikorwa w'Itora umaze kurahira .............................................
.........................................................................................................................................

**Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Amabwiriza nº 02/2022 yo ku wa 07/10/2022 ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yerekeye Amatora y'Abadepite b'u Rwanda mu Nteko Ishinga Amategeko y'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba**

| |
|---|
| Kigali, ku wa 07/10/2022<br><br>**(Sé)**<br><br>**MUTIMUKEYE Nicole**<br>Visi Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br><br>**(Sé)**<br><br>**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta |

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

**UMUGEREKA WA II W'AMABWIRIZA Nº 02/2022 YO KU WA 07/10/2022 YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA YEREKEYE AMATORA Y'ABADEPITE B'U RWANDA MU NTEKO ISHINGA AMATEGEKO Y'UMURYANGO WA AFURIKA Y'IBURASIRAZUBA**

**INYANDIKO MVUGO ITANGIZA ITORA**

Umwaka wa……………ukwezi kwa…………umunsi wa ………………..
Twebwe……………………………...........……...............……., Umuhuzabikorwa w'Amatora ku biro by'itora bya ................................................................................,
dutangije itora ku buryo bukurikira:

1) Twagenzuye udusanduku tw'itora dusanga nta mpapuro zirimo.

| | Gore | Gabo | Bose |
|---|---|---|---|
| 2) Umubare w'abanditse ku ilisiti y'itora ni: | | | |
| 3) Umubare w'impapuro z'itora twahawe ni: | | | |

4) Itora ritangiye saa:
Umukono n'amazina by'Umuhuzabikorwa w'Amatora
…………………………………...……………
………………………………………………………………………………………………
Umukono n'amazina by'Umuseseri
..............................................................................
.................................................……………..................................................................................

**Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Amabwiriza nº 02/2022 yo ku wa 07/10/2022 ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yerekeye amatora y'Abadepite b'u Rwanda mu Nteko Ishinga Amategeko y'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba**

| |
|---|
| Kigali, ku wa 07/10/2022<br><br>**(Sé)**<br><br>**MUTIMUKEYE Nicole**<br>Visi Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br><br>**(Sé)**<br><br>**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta |

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

**UMUGEREKA WA III W'AMABWIRIZA Nº 02/2022 YO KU WA 07/10/2022 YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA YEREKEYE AMATORA Y'ABADEPITE B'U RWANDA MU NTEKO ISHINGA AMATEGEKO Y'UMURYANGO WA AFURIKA Y'IBURASIRAZUBA**

**INYANDIKO MVUGO ISOZA ITORA KU BIRO BY'ITORA**

Ibiro by'itora by'Akarere /Intara/Umujyi wa Kigali ........................................
Umwaka wa ................... ukwezi kwa ..................., umunsi wa .......................,
Twebwe ...................................................................................., Umuhuzabikorwa w'amatora ku biro by'itora bya .......................................................................................................................
Tumaze kubona ko ari saa ......................., abagize Inteko itora baje bamaze gutora bose,
Dushoje itora.

Amazina n'umukono by'Umuhuzabikorwa w'amatora:

………………………………………………..

Amazina n'Umukono by'Umuseseri:

...........................................................................................

**Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Amabwiriza nº 02/2022 yo ku wa 07/10/2022 ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yerekeye amatora y'Abadepite b'u Rwanda mu Nteko Ishinga Amategeko y'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba**

| |
|---|
| Kigali, ku wa 07/10/2022<br><br>**(Sé)**<br><br>**MUTIMUKEYE Nicole**<br>Visi Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br><br>**(Sé)**<br><br>**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta |

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

**UMUGEREKA WA IV W'AMABWIRIZA Nº 02/2022 YO KU WA 07/10/2022 YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA YEREKEYE AMATORA Y'ABADEPITE B'U RWANDA MU NTEKO ISHINGA AMATEGEKO Y'UMURYANGO WA AFURIKA Y'IBURASIRAZUBA**

**INYANDIKO MVUGO ISUBIKA ITORA KU RWEGO RW'IGIHUGU**

Ibiro by'itora bya ...........................................................................................
Umwaka wa ................... ukwezi kwa .................., umunsi wa .......................,
Twebwe ..........................................................................................., Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora .....................................................................................
Tumaze kubona ko ari saa ........................, abagize Inteko itora mu Nama y'Igihugu y'.................................................................................. baje batageze ku mubare ungana na kimwe cya kabiri (½) cy'abagize inteko itora, dusubitse itora ryo gushaka abakandida b'Abadepite bazahagararira u Rwanda muri EALA rikazasubukurwa ku wa ……………….

Amazina n'umukono bya Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora cyangwa uwo yabihereye ububasha.
..........................................................................

**Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Amabwiriza nº 02/2022 yo ku wa 07/10/2022 ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yerekeye amatora y'Abadepite b'u Rwanda mu Nteko Ishinga Amategeko y'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba**

| |
|---|
| Kigali, ku wa 07/10/2022<br><br>**(Sé)**<br><br>**MUTIMUKEYE Nicole**<br>Visi Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br><br>**(Sé)**<br><br>**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta |

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

**UMUGEREKA WA V W'AMABWIRIZA Nº 02/2022 YO KU WA 07/10/2022 YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA YEREKEYE AMATORA Y'ABADEPITE B'U RWANDA MU NTEKO ISHINGA AMATEGEKO Y'UMURYANGO W'AFURIKA Y'IBURASIRAZUBA**

**INYANDIKO MVUGO IHURIZWAHO IBYAVUYE MU ITORA**

Inama y'Igihugu y'.........................................................................................................
Umwaka wa ........................................... ukwezi kwa ........................ umunsi wa ..................
Twebwe Umuhuzabikorwa w'Amatora ku rwego rw'Akarere/Intara n'Umujyi wa Kigali
Tumaze gusoza itora no kubarura ibyavuye mu matora, dusanze:

**A. Ibijyanye n'amatora n'impapuro z'itora:**

1. Umubare w'abagombaga gutora: Gore [ ] Gabo [ ] Bose [ ]
2. Umubare w'abatoye: Gore [ ] Gabo [ ] Bose [ ] Ijanisha(%) [ ]
3. Umubare w'abatoye neza: [ ] Ijanisha (%) [ ]
4. Umubare w'impapuro z'itora zabaye impfabusa: [ ]
5. Umubare w'impapuro zapfuye zigasimbuzwa: [ ]
6. Umubare w'impapuro zasigaye zidatoreweho: [ ]

**B. Amajwi Abakandida babonye**

| Nº | Abakandida | Amajwi babonye | Ijanisha |
|---|---|---|---|
| 1 | | | |
| 2 | | | |
| 3 | | | |
| 5 | | | |
| 6 | | | |
| 7 | | | |
| 8 | | | |
| 9 | | | |
| 10 | | | |

**Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Amabwiriza Nº 02/2022 yo ku wa 07/10/2022 ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yerekeye Amatora y'Abadepite b'u Rwanda mu Nteko Ishinga Amategeko y'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba**

| |
|---|
| Kigali, ku wa 07/10/2022<br><br>**(Sé)**<br><br>**MUTIMUKEYE Nicole**<br>Visi Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br><br>**(Sé)**<br><br>**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta |

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

**UMUGEREKA WA VI W'AMABWIRIZA Nº 02/2022 YO KU WA 07/10/2022 YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA YEREKEYE AMATORA Y'ABADEPITE B'U RWANDA MU NTEKO ISHINGA AMATEGEKO Y'UMURYANGO W'AFURIKA Y'IBURASIRAZUBA**

**INYANDIKO MVUGO IHURIZWAHO IBYAVUYE MU ITORA KU RWEGO RW'IGIHUGU**

Umwaka wa ................................... ukwezi kwa ......................... umunsi wa ..................
Twebwe Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora,
Tumaze guhuza ibyavuye mu matora mu Ntara n'Umujyi wa Kigali /Turere twose tw'Igihugu.

**A. Ibijyanye n'amatora n'impapuro z'itora:**

1. Umubare w'abagombaga gutora:

| Gore | Gabo | Bose |
|---|---|---|
| | | |

2. Umubare w'abatoye:

| Gore | Gabo | Bose |
|---|---|---|
| | | |

3. Umubare w'abatoye neza: ☐
4. Umubare w'impapuro z'itora zabaye impfabusa: ☐
5. Umubare w'Impapuro zapfuye zigasimburwa: ☐
6. Umubare w'impapuro zasigaye zidatoreweho: ☐

**B. Amajwi Abakandida babonye**

| Nº | Abakandida | Amajwi babonye | Ijanisha |
|---|---|---|---|
| 1 | | | |
| 2 | | | |
| 3 | | | |
| 5 | | | |
| 6 | | | |
| 7 | | | |
| 8 | | | |
| 9 | | | |
| 10 | | | |

**Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Amabwiriza Nº 02/2022 yo ku wa 07/10/2022 ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yerekeye Amatora y'Abadepite b'u Rwanda mu Nteko Ishinga Amategeko y'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba**

| |
|---|
| Kigali, ku wa 07/10/2022<br><br>**(Sé)**<br><br>**MUTIMUKEYE Nicole**<br>Visi Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br><br>**(Sé)**<br><br>**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta |